# ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU MATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE YO MURI NYAKANGA 2024

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu Turere 30 tw'Igihugu indorerezi mirongo icyenda n'icyenda (99) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, zikurikirana ibikorwa by'imyiteguro n'imigendekere y'Itora rya **Perezida wa Repubulika iry'Abadepite rusange n'itora ry'abadepite bahagarariye ibyiciro byihariye ari byo abadepite 24 bahagarariye icyiciro cy'abagore, Abadepite 2 bahagarariye urubyiruko n'Umudepite 1 uhagarariye abafite ubumuga** yabaye ku matariki ya 15 na 16 Nyakanga 2024.

Indorerezi z'Ihuriro zakoreye ubutumwa bwazo mu matsinda agizwe n'abantu batatu baturuka mu Mitwe ya Politiki itandukanye.

Muri icyo gikorwa, indorerezi z'Ihuriro zahawe ubutumwa bukurikira:

1) Kureba niba "site" z'itora ziteguye neza;
2) Kureba ko ibikoresho by'amatora biri kuri site itorerwaho;
3) Kureba uko amatora yitabirwa;
4) Kureba niba amategeko n'amabwiriza byubahirizwa;
5) Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
6) Kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora;
7) Kureba ibarura ry'amajwi;
8) Kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'Inteko itora.

Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye ibikorwa by'amatora zishima uburyo amatora yateguwe, agakorwa mu mucyo kandi Abanyarwanda n'inzego zinyuranye babigizemo uruhare; bikomeje kugaragaza ubudasa bw'Abanyarwanda mu mikorere no mu myitwarire burangwa n'ishyaka n'urukundo bafitiye Igihugu mu gutunganya ibikorwa by'amatora no kuyitabira.

Mu byo indorerezi z'Ihuriro zashimye harimo ibi bikurikira:

- Uburyo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje mu kumenyesha Abanyarwanda ibirebana n'amatora burimo gukoresha ibiganiro no kunyuza amatangazo mu bitangazamakuru binyuranye birimo Radio na Televiziyo, imbuga nkoranyambaga n'ubundi buryo bunyuranye;
- Ahabereye amatora hari ibirango bihagaragaza;
- Ibiro by'Itora, ibyumba by'Itora n'ubwihugiko byari biteguye, bitatse neza, kandi bifite isuku ku buryo bushimishije;
- Ibikoresho by'amatora byagereye ku gihe ahabereye amatora kandi abayayoboye bakiraga ababagana neza;

- Amatora yatangiriye igihe kandi asozwa ku gihe;
- Amatora yakozwe mu mucyo, mu bwisanzure, mu ituze no mu mutekano usesuye;
- Amatora yakozwe hubahirizwa uburenganzira bw'abatora harimo no korohereza abafite intege nke;
- Amatora yitabiriwe ku gipimo kiri hejuru ku buryo bushimishije;
- Ibarura ry'amajwi ryakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
- Abaturage bitabiriye ibarura ry'amajwi kandi bishimiye ibyavuye mu matora.

Muri rusange, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki risanga amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye tariki ya 15 n'iya 16 Nyakanga 2024 yaragenze neza kandi amategeko n'amabwiriza ayagenga yarubahirijwe. Icyakora, Ihuriro risanga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikwiye gukomeza gutunganya ilisiti y'Itora.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rirashimira Abanyarwanda n'inzego zinyuranye ku ruhare bagize kugira ngo aya matora agende neza; bikaba bigaragaza intambwe nziza u Rwanda rumaze gutera mu nzira ya Demokarasi Abanyarwanda bahisemo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 19 Nyakanga 2024.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKE
N.F.P.O
B.P.: 7459 KIGALI

**Hon. MUKAMA Abbas**
**Umuvugizi w'Ihuriro**